

ITEKA RYA MINISITIRI N° 002/2016 RYO KU WA 08/01/2016 RISHYIRAHO INSHINGANO Z'ABAGIZE UBUYOBOZI BWITE BW'ISHURI	MINISTERIAL ORDER N° 002/2016 OF 08/01/2016 DETERMINING THE RESPONSIBILITIES OF SCHOOL MANAGEMENT BOARD MEMBERS	ARRETE MINISTERIEL N° 002/2016 DU 08/01/2016 DETERMINANT LES ATTRIBUTIONS DES MEMBRES DE DIRECTION D'UNE ECOLE
ISHAKIRO	TABLE OF CONTENTS	TABLE DES MATIERES
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS	CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES
<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije	<u>Article One:</u> Purpose of this order	<u>Article premier :</u> Objet du présent arrêté
UMUTWE WA II: UMUYOBOZI W'ISHURI	CHAPTER II: HEADMASTER	CHAPITRE II: DIRECTEUR D'ECOLE
<u>Ingingo ya 2:</u> Inshingano rusange y'Umuyobozi w'ishuri	<u>Article 2:</u> General responsibility of the Headmaster	<u>Article 2 :</u> Attribution générale du Directeur d'une école
<u>Ingingo ya 3:</u> Inshingano z'Umuyobozi w'ishuri mu byerekeye ubuyobozi	<u>Article 3:</u> Responsibilities of the Headmaster at administrative level	<u>Article 3 :</u> Attributions du Directeur d'une école sur le plan administratif
<u>Ingingo ya 4:</u> Inshingano z'Umuyobozi w'ishuri mu byerekeye imyigire n'imyigishirize	<u>Article 4:</u> Responsibilities of the Headmaster at pedagogical level	<u>Article 4 :</u> Attributions du Directeur d'une école sur le plan pédagogique
<u>Ingingo ya 5:</u> Inshingano z'Umuyobozi w'ishuri mu byerekeye umutungo	<u>Article 5:</u> Responsibilities of the Headmaster at financial level	<u>Article 5 :</u> Attributions du Directeur d'une école sur le plan financier
<u>Ingingo ya 6:</u> Inshingano z'Umuyobozi w'ishuri mu byerekeye imibanire	<u>Article 6:</u> Responsibilities of the Headmaster at social life level	<u>Article 6 :</u> Attributions du Directeur d'une école sur le plan social

UMUTWE WA III: ABAYOBOZI CHAPTER III: SCHOOL AUTHORITIES CHAPITRE III: AUTORITES DE L'ECOLE
B'ISHURI BASHYIRWAHO BITEWE APPOINTED ON THE BASIS OF THE VARIANT SUIVANT LA CATEGORIE DE
N'ICYICIRO ISHURI RIRIMO CATEGORY OF SCHOOL OR THE L'ECOLE OU LE NOMBRE D'ELEVES
CYANGWA UMUBARE NUMBER OF STUDENTS
W'ABANYESHURI

Ingingo ya 7: Ibyiciro by'ibigo by'amashuri bishingirwaho mu ishyirwaho ry'abayobozi Article 7: School categories for purposes of the appointment of school authorities Article 7: Catégories d'écoles en relation avec la nomination des autorités scolaires

Ingingo ya 8: Abayobozi b'ishuri bashyirwaho bitewe n'icyiciro ishuri ririmo Article 8: School authorities appointed on the basis of school category Article 8: Autorités scolaires nommées suivant la catégorie de l'école

Ingingo ya 9: Inshingano z'Umuyobozi Wungirije ushinzwe amasomo Article 9: Attributions of Deputy Headmaster in charge of studies Article 9: Attributions du Préfet des études

Ingingo ya 10: Inshingano z'Umuyobozi Wungirije ushinzwe imyifatire Article 10: Attributions of Deputy Headmaster in charge of discipline Article 10: Attributions du Préfet de discipline

Ingingo ya 11: Inshingano z'ushinzwe imari n'umutungo Article 11: Attributions of school Bursar Article 11: Attributions de l'intendant

Ingingo ya 12: Inshingano z'Umunyamabanga w'ishuri Article 12: Attributions of the Secretary Article 12: Attributions du Secrétaire de l'école

UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA CHAPTER IV : FINAL PROVISIONS CHAPITRE IV : DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 13: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka Article 13: Repealing provision Article 13: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 14: Igihe iteka ritangira gukurikizwa Article 14: Commencement Article 14: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N°002/2016 RYO KU WA 08/01/2016 RISHYIRAHO INSHINGANO Z'ABAGIZE UBUYOBOZI BWITE BW'ISHURI

MINISTERIAL ORDER N°002/2016 OF 08/01/2016 DETERMINING THE RESPONSIBILITIES OF SCHOOL MANAGEMENT BOARD MEMBERS

ARRETE MINISTERIEL N°002/2016 DU 08/01/2016 DETERMINANT LES ATTRIBUTIONS DES MEMBRES DE DIRECTION D'UNE ECOLE

Minisitiri w'Uburezi;

The Minister of Education;

Le Ministre de l'Education;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 nk'uko ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 as revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 telle que révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 23/2012 ryo ku wa 15/06/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'Amashuri y'Incuke, Abanza n'Ayisumbuye, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 16;

Pursuant to Law n° 23/2012 of 15/06/2012 governing the organization and functioning of Nursery, Primary and Secondary Education, especially in Article 16;

Vu la Loi n° 23/2012 du 15/06/2012 portant organisation et fonctionnement de l'Education Préscolaire et de l'Enseignement Primaire et Secondaire, spécialement en son article 16 ;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 14/05/2015 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 14/05/2015;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 14/05/2015 ;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier : Objet du présent arrêté

Iri teka rishyiraho inshingano z'abagize ubuyobozi bwite bw'ishuri ry'incuke, iribanza n'iryisumbuye. Rinagena abandi bayobozi b'ishuri bashyirwaho bitewe n'icyiciro ishuri rurimo cyangwa umubare w'abanyeshuri.

This Order determines the responsibilities of management board members of a nursery, primary or secondary school. It also determines other school authorities depending on the category of the school and the number of students.

Le présent arrêté détermine les attributions des membres de direction d'une école maternelle, primaire ou secondaire. Il détermine également d'autres autorités de l'école qui varient suivant la catégorie de l'école et le nombre d'élèves.

UMUTWE WA II: UMUYOBOZI W'ISHURI

Ingingo ya 2: Inshingano rusange z'Umuyobozi w'ishuri

Umuyobozi w'ishuri ashinzwe muri rusange ibibera ku ishuri byose igihe icyo ari cyo cyose.

Ingingo ya 3: Inshingano z'Umuyobozi w'ishuri mu byerekeye ubuyobozi

Mu byerekeye ubuyobozi, Umuyobozi w'ishuri agomba :

- 1° kwita ku iyubahirizwa ry'amategeko, amateka n'amabwiriza ;
- 2° gutegura amategeko ngengamikorere y'ishuri ashingiye ku biteganywa n'amategeko agenga uburezi, amateka, amabwiriza n'amasezerano yihariye yemewe na Leta arebana n'ishuri;
- 3° kwita ku miyoborerere myiza y'ishuri;
- 4° kugenzura no guhuza ibikorwa by'ishyirwaho rya gahunda y'ibikorwa by'ishuri;
- 5° guhuza ibikorwa by'ishuri;
- 6° kugira igitabo cy'ibigomba gukorwa n'ubuyobozi bw'ishuri;

CHAPTER II: HEADMASTER

Article 2: General responsibility of the Headmaster

In general, the Headmaster shall be responsible for all academic and extra curricula activities all the time.

Article 3: Responsibilities of the Headmaster at administrative level

In relation to administration, the Headmaster's responsibilities shall be:

- 1° to ensure respect of laws, orders and regulations in force;
- 2° to prepare rules and regulations in accordance with the school legislation in force; Orders, Instructions and specific conventions recognized by the State;
- 3° to ensure professional leadership;
- 4° to supervise and coordinate the elaboration of the school action plan;
- 5° to coordinate school activities;
- 6° to keep school diary;

CHAPITRE II: DIRECTEUR D'ECOLE

Article 2: Attribution générale du Directeur d'une école

En général, le Directeur d'une école est responsable de toute activité scolaire et parascolaire en tout temps.

Article 3: Attributions du Directeur d'une école sur le plan administratif

Sur le plan administratif, le Directeur d'école a pour attributions de :

- 1° veiller au respect des lois, des arrêtés et des règlements en vigueur;
- 2° élaborer le règlement d'ordre intérieur conformément à la législation scolaire en vigueur, arrêtés, instructions et conventions particulières reconnues par l'Etat;
- 3° assumer le leadership professionnel ;
- 4° superviser et coordonner l'élaboration du plan d'action de l'école ;
- 5° coordonner les activités scolaires ;
- 6° tenir le journal de direction de l'école ;

Official Gazette n° 03 of 18/01/2016

- | | | |
|--|--|--|
| 7° gushyira ibintu kuri gahunda no kunoza imyifatire myiza ku ishuri; | 7° to ensure order and discipline of the school; | 7° veiller à l'ordre et à la discipline de l'école ; |
| 8° kubahiriza ingengabihe y'ishuri; | 8° to ensure respect of the school timetable; | 8° veiller au respect de l'horaire scolaire; |
| 9° gutegura no kuyobora inama z'abarimu n'abanyeshuri; | 9° to prepare and conduct the meetings of teachers and pupils; | 9° préparer et diriger les réunions des enseignants et des élèves ; |
| 10° gutunganya amadosiye y'abakozi n'amafishi y'abanyeshuri; | 10° to establish personnel files and students' identification forms; | 10° établir les dossiers du personnel et les fiches |
| 11° kwita ku isimburwa ry'umwarimu wagize impamvu zo kutaza ku kazi; | 11° to provide for the replacement of an absent teacher; | 11° pourvoir au remplacement de l'enseignant empêché ; |
| 12° kugaragaza amakosa yakozwe ku ishuri, guhana ajyanye n'inshingano ze no kugeza dosiye ku nzego zibifitiye ububasha igihe habayeho ikosa riri mu nshingano z'urundi rwego rw'ubuyobozi; | 12° to identify mistakes done at school, punish those in his/her powers and submit the files to the relevant authorities if the mistake falls in thier powers; | 12° constater les fautes commises à l'école, sanctionner celles de sa compétence et transmettre le dossier aux instances habilitées pour les fautes relevant de la compétence d'une autre autorité ; |
| 13° gukorera abakozi isuzumamikorere ku rwego rwa mbere; | 13° to evaluate the staff at first level; | 13° évaluer le personnel au premier degré; |
| 14° gutunganya ibarurishamibare ry'ishuri; | 14° to establish school statistics; | 14° établir les statistiques scolaires; |
| 15° gukora raporo zose zitegetswe no kuzishyikiriza inzego bireba. | 15° to write and transmit all required reports. | 15° Rédiger et transmettre tous les rapports exigés. |

Ingingo ya 4 : Inshingano z'Umuyobozi w'ishuri mu byerekeye imyigire n'imyigishirize

Article 4 : Responsibilities of the Headmaster at pedagogical level

Article 4 : Attributions du Directeur d'une école sur le plan pédagogique

Ku byerekeye imyigire n'imyigishirize, In relation to pedagogy, the Headmaster must : Sur le plan pédagogique, le Directeur d'école

Official Gazette n° 03 of 18/01/2016

Umuyobozi w'ishuri agomba :

- 1° kwita ku ishyirwa mu bikorwa ry'integanyanyigisho;
- 2° gufasha abarimu kwigisha neza no gushishikariza abanyeshuri kwigana umwete.

Ingingo ya 5: Inshingano z'Umuyobozi w'ishuri mu byerekeye umutungo

Ku byerekeye umutungo w'ishuri, Umuyobozi w'ishuri agomba :

- 1° kubarura umutungo wose w'ishuri;
- 2° gutegura ingengo y'imari y'ishuri no gusaba ko yemezwa;
- 3° gukoresha ingengo y'imari y'ishuri hakurikijwe amabwiriza ariho;
- 4° gucunga neza umutungo w'ishuri ;
- 5° guteza imbere ibikorwa bibyara inyungu;
- 6° gutangira igihe raporo zose zisabwa.

Ingingo ya 6: Inshingano z'Umuyobozi w'ishuri mu byerekeye imibanire

Ku byerekeye imibanire, Umuyobozi w'ishuri agomba :

- 1° ensure the implementation of the curriculum ;
- 2° assist teachers to deliver courses professionally and motivate students.

Article 5: Responsibilities of the Headmaster in relation to finances

In relation to finance, the Headmaster must:

- 1° organize inventory of all school property;
- 2° prepare and recommend for approval the school budget;
- 3° execute the budget according to current procedures and instructions;
- 4° manage the school property;
- 5° promote income generating activities;
- 6° promptly transmit required reports.

Article 6: Responsibilities of the Headmaster at social life level

In relation to social life, the Headmaster must:

doit :

- 1° veiller à la mise en application du programme scolaire ;
- 2° assister les enseignants pour qu'ils dispensent mieux les cours et motivent les élèves.

Article 5: Attributions du Directeur d'une école sur le plan financier

Sur le plan financier, le Directeur d'école doit :

- 1° inventorier tout le patrimoine de l'école ;
- 2° élaborer et faire approuver le budget de l'école ;
- 3° exécuter le budget suivant les procédures et les instructions en vigueur ;
- 4° gérer le patrimoine de l'école ;
- 5° promouvoir les activités génératrices de revenus ;
- 6° transmettre à temps les rapports exigés.

Article 6: Attributions du Directeur d'une école sur le plan social

Sur le plan social, le Directeur d'école doit :

Official Gazette n° 03 of 18/01/2016

- | | | |
|---|--|--|
| 1° guteza imbere imibanire myiza hagati y'ubuyobizi bw'ishuri, abanyeshuri abarimu n'abandi bakozi; | 1° promote good relationships among school administration, students, teachers and other staff; | 1° promouvoir les bonnes relations entre l'administration de l'école, les élèves, les enseignants et autre personnel ; |
| 2° guhagararira ishuri mu mishyikirano rigirana n'abandi; | 2° represent the school in its relationship with other parties; | 2° représenter l'école dans ses relations avec les tiers ; |
| 3° guteza imbere ibikorwa mbonezamubano n'ibiteza imbere umuco ku ishuri no mu gace ririmo; | 3° promote socio-cultural and economic activities for the school and in the neighbourhood ; | 3° promouvoir les activités socio-culturelles bénéfiques pour l'école et pour l'entourage; |
| 4° kuba umuhuza hagati y'abarimu, abanyeshuri, ababyeyi, abaturiye ishuri ndetse n'abandi bantu; | 4° serve as a link between teachers, students, parents, the neighbors to the school and other third parties; | 4° servir de trait d'union entre les enseignants, les élèves, les parents, l'entourage et les tierces personnes ; |
| 5° kumenyesha ababyeyi imyifatire n'imyitwarire y'abanyeshuri; | 5° communicate to parents the behaviors of students; | 5° communiquer aux parents le comportement des élèves ; |
| 6° kwita ku buzima n'isuku mu ishuri no mu gace ririmo; | 6° ensure the health, hygiene, and cleanliness within the school and in the neighborhood; | 6° veiller à la santé, à l'hygiène et à la propreté dans l'école et dans ses environs ; |
| 7° kwita ku mutekano w'abantu n'ibintu by'ikigo cy'ishuri; | 7° ensure the protection and security of people and school property; | 7° veiller à la protection et à la sécurité des personnes et des biens de son école ; |
| 8° guteza imbere imirimo ikorwa nyuma y'amasomo no gushishikariza abanyeshuri ibyerekeye imikino n'ibikorwa ndangamuco; | 8° promote extra-curricula activities and encourage students to participate in sports and cultural activities; | 8° promouvoir les activités parascolaires et encourager la participation des élèves aux activités sportives et culturelles ; |
| 9° kumenyesha abarimu, ababyeyi, abanyeshuri n'abandi bese biseba amakuru akenewe yerekeye uburezi; | 9° communicate necessary information to teachers, parents, students, and other concerned people; | 9° donner les informations nécessaires aux enseignants, aux parents, aux élèves et aux autres personnes concernées ; |
| 10° kuba nk'umubyeyi ku banyeshuri bese. | 10° play the role of a parent for all students. | 10° jouer le rôle de parent pour tous les élèves. |

**UMUTWE WA III: ABAYOBOZI
B'ISHURI BASHYIRWAHO BITEWE
N'ICYICIRO ISHURI RIRIMO
CYANGWA UMUBARE
W'ABANYESHURI**

**CHAPTER III: SCHOOL AUTHORITIES
APPOINTED ON THE BASIS OF THE
CATEGORY OF SCHOOL OR THE
NUMBER OF STUDENTS**

**CHAPITRE III: AUTORITES DE L'ECOLE
NOMMES SUIVANT LA CATEGORIE DE
L'ECOLE OU LE NOMBRE D'ELEVES**

**Ingingo ya 7: Ibyiciro by'ibigo
by'amashuri bishingirwaho mu ishyirwaho
ry'abayobozi**

**Article 7: School categories for purposes of
the appointment of school authorities**

**Article 7: Catégories d'écoles en relation avec
la nomination des autorités scolaires**

Ibigo by'amashuri y'incuke, abanza
n'ayisumbuye biri mu byiciro bitatu (3)
bikurikira :

Nursery, primary and secondary schools shall be
divided into the following three categories:

Les établissements scolaires maternels, primaires
et secondaires sont répartis en trois (3) catégories
suivantes:

1° icyiciro cya mbere gikubiyemo:

1° the first category composed of :

1° la première catégorie comprenant :

a. ibigo by'amashuri y'incuke ;

a. Nursery education

a. les établissements d'éducation
prescolaire;

b. ibigo by'amashuri abanza;

b. Primary education

b. les établissements d'enseignement
primaire ;

c. ibigo bigizwe n'amashuri
y'incuke n'abanza.

c. Nursery and primary education

c. les établissements d'enseignement
maternel et primaire ;

2° icyiciro cya kabiri gikubiyemo:

2° the second category composed of :

2° la deuxième catégorie comprenant :

a. ibigo bigizwe n'amashuri abanza
n'ayisumbuye bifite abanyeshuri bari
muni ya magana arindwi (700);

a. primary and secondary schools with
less than seven hundred (700)
students;

a. les établissements d'enseignement
primaire et secondaire ayant moins de
sept cent (700) élèves;

b. ibigo by'amashuri yisumbuye bifite
abanyeshuri bari muni ya magana
arindwi (700).

b. secondary schools with less than
seven hundred (700) students;

b. les établissements d'enseignement
secondaire ayant moins de sept cent (700)
élèves.

Official Gazette n° 03 of 18/01/2016

- | | | |
|--|--|---|
| <p>3° icyiciro cya gatatu gikubiyemo:</p> <p>a. ibigo bigizwe n'amashuri abanza n'ayisumbuye bifite abanyeshuri bangana cyangwa barenga magana arindwi (700);</p> <p>b. ibigo by'amashuri yisumbuye bifite abanyeshuri bangana cyangwa barenga magana arindwi (700).</p> | <p>3° the third category composed of :</p> <p>a. primary and secondary schools with seven hundred (700) students or more ;</p> <p>b. secondary schools with seven hundred (700) students or more ;</p> | <p>3° la troisième catégorie comprenant :</p> <p>a. les établissements d'enseignement primaire et secondaire ayant sept cent (700) élèves ou plus;</p> <p>b. les établissements d'enseignement secondaire ayant sept cent (700) élèves ou plus.</p> |
|--|--|---|

Ingingo ya 8: Abayobozi b'ishuri bashyirwaho bitewe n'icyiciro ishuri ririmo

Article 8: School authorities appointed on the basis of school category

Article 8: Autorités scolaires nommées suivant la catégorie de l'école

Ikigo kiri mu cyiciro cya mbere kigira Umuyobozi w'ishuri gusa.

A school in the first category shall have a Headmaster only.

Un établissement scolaire de la première catégorie est doté uniquement du Directeur d'école.

Ikigo kiri mu cyiciro cya kabiri kigira abayobozi bakurikira:

A school in the second category shall have the following authorities :

Un établissement scolaire de la deuxième catégorie est doté des autorités suivantes :

- 1° Umuyobozi w'ishuri;
- 2° Umuyobozi Wungirije ushinzwe amasomo;
- 3° Umuyobozi Wungirije ushinzwe imyitwarire;
- 4° Ushinzwe imari n'umutungo;
- 5° Umunyamabanga.

- 1° Headmaster;
- 2° Deputy Headmaster in charge of studies;
- 3° Deputy Headmaster in charge of discipline;
- 4° Bursar;
- 5° Secretary.

- 1° le Directeur d'école;
- 2° le Préfet des études;
- 3° le Préfet de discipline;
- 4° l'Intendant;
- 5° le Secrétaire.

Ikigo kiri mu cyiciro cya gatatu kigira abayobozi bakurikira:

A school in the third category shall have the following authorities :

Un établissement scolaire de troisième catégorie est doté des autorités suivantes :

Official Gazette n° 03 of 18/01/2016

1° Umuyobozi w'ishuri;	1° Headmaster;	1° le Directeur d'école;
2° Umuyobozi Wungirije ushinzwe amasomo;	2° Deputy Headmaster in charge of studies;	2° le Préfet des études;
3° Abayobozi babiri (2) bungirije bashinzwe imyitwarire;	3° Two (2) Deputy Headmasters in charge of discipline;	3° Deux (2) Préfets de discipline;
4° Ushinzwe imari n'umutungo;	4° Bursar;	4° l'Intendant;
5° Umunyamabanga.	5° Secretary	5° le Secrétaire.

Ingingo ya 9: Inshingano z'Umuyobozi Wungirije ushinzwe amasomo

Umuyobozi Wungiririje ushinzwe amasomo afite inshingano zikurikira:

- 1° gutegura ingengabihe y'amasomo;
- 2° gukurikirana imyigire y'abanyeshuri n'imyigishirize y'abarimu;
- 3° gufasha abarimu kubona no gucunga imfashanyigisho;
- 4° gusimbura Umuyobozi w'ishuri iyo adahari;
- 5° gutegura amahugurwa y'abarimu.

Article 9: Attributions of Deputy Headmaster in charge of studies

The Deputy Headmaster in charge of studies shall have the following responsibilities:

- 1° to prepare the elaboration of timetable ;
- 2° to supervise the activities of teaching and learning ;
- 3° to support teachers to acquire and look after teaching materials ;
- 4° to ensure the interim in the absence of the Headmaster ;
- 5° to prepare professional education training of the teachers.

Article 9 : Attributions du Préfet des études

Le Préfet des études a les attributions suivantes :

- 1° établir les horaires des cours ;
- 2° superviser les activités d'enseignement et d'apprentissage ;
- 3° aider les enseignants à trouver et à gérer le matériel didactique ;
- 4° assurer l'interim en cas d'absence du Directeur de l'école ;
- 5° préparer les formations professionnelles des enseignants.

Ingingo ya 10: Inshingano z'Umuyobozi wungirije ushinzwe imyifatire

Umuyobozi Wungirije ushinzwe imyifatire afite inshingano zikurikira:

- 1° gukurikirana imyifatire n'imyitwarire by'abanyeshuri;
- 2° gukurikirana imirimo yose ikorwa hanze y'amasomo;
- 3° gufasha abanyeshuri mu bijyanye n'ubuzima.

Article 10: Attributions of Deputy Headmaster in charge of discipline

The Deputy Headmaster in charge of discipline shall have the following responsibilities:

- 1° to ensure the students' discipline ;
- 2° to supervise all extra-curricula activities ;
- 3° to support students in relation to health.

Article 10: Attributions de Préfet de discipline

Le Préfet de discipline a les attributions suivantes:

- 1° veiller à la discipline des élèves;
- 2° superviser toutes les activités parascolaires ;
- 3° assister les élèves en matière de la santé.

Ingingo ya 11: Inshingano z'ushinzwe imari n'umutungo

Ushinzwe imari n'umutungo by'ishuri afite inshingano zikurikira:

- 1° gucunga umutungo n'imari by'ikigo no gufata neza ibitabo by'ibaruramari ;
- 2° guhahira ikigo ;
- 3° gufata neza ibikoresho, amazu, ubutaka n'undi mutungo w'ikigo ;
- 4° gutegura ingengo y'imari y'ikigo;
- 5° gutegurira ikigo imishinga ibyara inyungu;
- 6° gucunga abakozi ba nyakabyizi.

Article 11: Attributions of school Bursar

The School bursar shall have the following responsibilities:

- 1° to manage the heritage and keep books of accouts for the school ;
- 2° to shop for the school ;
- 3° to take care of furniture, buildings, land and other property of the school ;
- 4° to prepare the budget of the school ;
- 5° to prepare income-generating projects for school;
- 6° to manage contractual staff of the school.

Article 11: Attributions de l'intendant

Les attributions de l'intendant sont les suivantes :

- 1° gérer le patrimoine de l'école et tenir les livres comptables;
- 2° faire des achats pour l'école;
- 3° bien gérer le mobilier, les bâtiments, les terrains et autre patrimoine de l'école;
- 4° préparer le budget de l'école;
- 5° préparer les projets générateurs de revenus pour l'école;
- 6° gérer le personnel journalier de l'école.

<u>Ingingo ya 12:</u> <u>z'Umunyamabanga w'ishuri</u>	<u>Inshingano</u>	<u>Article 12 : Attributions of the Secretary</u>	<u>Article 12 : Attributions du Secrétaire de l'école</u>
Umunyamabanga w'ishuri afite zikurikira:	inshingano	The school Secretary shall have the following responsibilities :	Les attributions du Secrétaire de l'école sont les suivantes :
1° kwakira, kwandika no amabaruwa ;	kohereza	1° to receive, prepare and dispatch letters ;	1° recevoir, rédiger et expédier des lettres;
2° kubika inyandiko z'ishuri ;		2° to keep the school documents ;	2° conserver les documents scolaires;
3° kwakira no kuyobora abashyitsi ;		3° to receive and guide school guests ;	3° recevoir et orienter les visiteurs;
4° gutunganya ibiro by'Umuyobozi w'ishuri;		4° to organize the office of the Headmaster ;	4° gérer le bureau du Directeur de l'école;
5° gutunganya gahunda k'Umuyobozi w'ishuri.	z'akazi	5° to keep the agenda of activities of Headmater .	5° tenir l'agenda d'activités du Directeur de l'école.

UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA

CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 13:
Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 13: Repealing provision

Article 13: Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 14:
Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 14: Commencement

Article 14: Entrée en vigueur

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Official Gazette n° 03 of 18/01/2016

Kigali, ku wa 08/01/2016

(sé)
Dr. MUSAFIRI MALIMBA Papias
Minisitiri w'Ubumwezi

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika :**

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya
Leta

Kigali, on 08/01/2016

(sé)
Dr. MUSAFIRI MALIMBA Papias
Ministre de l'Education

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le 08/01/2016

(sé)
Dr. MUSAFIRI MALIMBA Papias
Ministre de l'Education

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux